Bibiliya y'abana irerekana

# Yesu umwigisha ukomeye



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.



Yesu yari umwigisha ukomeye uruta abandi bose.  Abamukurikiraga baramwumvaga.



Yesu ababwira kuba abanyambababazi, ab'imitima iboneye kandi abagwa neza. Bamwe bashobora kubanga abandi bakabatoteza, ariko Imana izabitaho.



Yesu yigishije ibintu byinshi. Yavuze ko abantu b'Imana bamurikira isi nk'uko buji (urumuli) imurikira inzu yijimye. Mbega akarusho ka buji (urumuli) mu cumba kirimo umwijima!

Yesu yavuganye n’abari bifitemo umuco wo guhõra: "ijisho ku rindi iryinyo ku rindi". Ahubwo, Yesu yabigishije kugira ubuntu, kugira imbabazi ndetse no gukunda abanzi bacu.



Mu gihe cya
Yesu, hari abantu
bashakaga kugaragaza
ko bakiranutse cyane.




Igihe bahaga amafranga abakene, habaga hari ugomba kuvuza impanda kugira ngo buri muntu wese abibone. "Tanga mu ibanga Imana izakugororera.
Byavuzwe na Yesu."

Yesu nibyo yigishije no kubirebana n'isengesho. Bamwe iyo basenga bajya mu nzira kugira ngo buri wese abarebe kandi abumve. Basuzugura Imana. Banejejwe cyane no gushimisha abagira icyo babatekerezaho. Yesu yabise indyandya n'inkozi z'ibibi.



Yesu yakundaga gukoresha ikirere asobanura inyigisho ze. Urugero yatunze urutoki inyoni …

maze aravuga: Imana Yanyu iri mu ijuru irazigaburira. Mureke kwiganyira.

Imana namwe izabagaburira.



"Ndetse n'umukire w'umwami Salomo ntiyigeze arimba kurusha indabyo".



Yesu akomeza avuga: "Niba Imana yambika indabyo zo mu mirima, ntabwo mwebwe azababambika?" Yesu yigishaga abantu kwizera Imana itanga igisubizo ku byifuzo byacu.



"Niba ucira mugenzi wawe urubanza, ni kimwe no gutokora agatotsi kari mu jisho rya mugenzi wawe kandi ufite umugogo uri mu jisho ryawe utikuramo".

Yesu niwe ubivuze. Birashoboka ko byasekeje abantu ariko bagombye gutekereza ku byo yashatse kuvuga.





Yesu yabwiraga abantu ko bagomba kwiyambaza Imana. Ese ababyeyi bahereza abana babo amabuye mu gihe babasabye umutsima bashonje? Oya babaha ibyiza. Imana nayo itanga ibyiza ku bayisabye.

Yesu Umwigisha ukomeye, yihanangirije abahanuzi b'ibinyoma. Yesu aragira ati: biyorosa uruhu rw'intama. "Kandi imbere ari amasega aryana." Yakomeje avuga ko abahanuzi b'ibinyoma muzabamenyera ku mibereho yabo.



Mu yindi nkuru Yesu yavuze, yarekanye ko abubaha ijambo ry'Imana bameze nk'umuntu wubatse inzu ye ku rutare. Imvura yaraguye, umuyaga urahuha. Birangiye inzu ntiyagwa.



Ariko umugabo utazi ubwenge yubatse inzu ye ku musenyi. Mu gihe imvura yaguye, umuyaga ugahuha, inzu yaraguye kuko fondasiyo yayo yari idakomeye. Yesu aragira ati: umuntu utubaha Ijambo ry'Imana ameze atyo.



Abamukurikiraga batangajwe n'amagambo ya Yesu. Ntibigeze bumva ibintu nk'ibyo babaho. Noneho bamenye ko kumva ijambo ry'Imana bidahagije. Bagomba kuryubahiriza umunsi k'uwundi.



Yesu umwigisha ukomeye

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 5-7, Luka 6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16